

**IJAMBO RYA NYAKUBAHWA Madame Jeannette Kagame
MU GUTANGIZA IBIGANIRO KU IHUNGABANA “KWIBUKA25
NATIONAL TRAUMA SYMPOSIUM”.**

KIGALI MARRIOTT HOTEL,

Ku wa 08, Gicurasi 2019

- **Nyakubahwa Umunyamabanga wa Leta Muri Ministeri y'Ubuzima,**
- **Mayor w'Umujyi wa Kigali,**
- **Umunyamabanga Nshingwabikorwa wa CNLG,**
- **Abahagarariye Ingabo na Polisi,**
- **Bayobozi mu nzego zitandukanye z'igihugu,**
- **Muyobozi wa Rwanda Psychological Society,**
- **Imiryango y'Abarokotse Jenoside mwese muri hano,**
- **Bafatanyabikorwa,**
- **Rubyiruko turi kumwe uyu munsi,**

Mwaramutse neza!

Nagira ngo mbanze nshimire abateguye iri huriro rigamije kuganira ku kibazo cy'ihungabana **“National Trauma Symposium”**,

mu rwego rwo Kwibuka ku nshuro ya 25 Jenoside yakorewe Abatutsi mu Rwanda.

Ubumenyi n'ubushakashatsi bifite uko bidusobanurira ijambo "**Trauma**". Barisobanuye bakurikije ibihe, impamvu, cyangwa se umuco wa ba nyiri ubushakashatsi n'abanditsi batandukanye.

Rimwe na rimwe bituma tutabona ijambo mu Kinyarwanda risobanura neza "**Trauma**".

Hari ubwo tubyita ihungabana cyangwa ihahamuka, ariko ababyize bakatubwira ko bitandukanye. Munyemerere rero mu mvugo yoroshye, nze gukomeza gukoresha "**Ihungabana**".

Jenoside yakorewe Abatutsi yakozwe mu buryo bw'umwihariko. Ni nayo mpamvu ibikomere n'ihungabana biyikomokaho, ari ngombwa ko tubyumva muri uwo mwihariko, maze ubumenyi n'ubushakashatsi bikatwunganira.

Mu buzima bwacu, buri wese akikijwe n'abantu bafite ibikomere n'ihungabana bitandukanye.

Ushobora gusanga:

- Ukorana n'**Umuyobozi wiciwe umubyeyi** n'umuryango muri 1959, 1963, 1973. Yabwiwe ko umubyeyi we yiciwe I Byumba, ari ku ishuri. Umubikira yabimubwiriye muri chapelle kugira ngo abandi bana batabimenya. Mu bwoba

bw'umwana w'imyaka yari afite icyo gihe, ntiyari kubaza byinshi. Yakiriye iyo nkuru atyo. Kuva ubwo, agendana icyo gikomere.

- Uturanye n'**Umubyeyi wafashwe ku ngufu**, akanduzwa **Virusi itera SIDA** muri Jenocide. Biramugora kwakira **umwana yabyaye** kubera icyo cyago cyamubayeho. Umwana we nawe ahora yumva ari umutwaro ku mubyeyi we!
- Ukikijwe kandi n'urubyiruko rurimo **ba Karoli Habonimana** uza kutuganirira mu kanya, wabonye Jenocide kuva ku ntangiriro kugeza ku musozo. Yahisemo kuvuga agahinda n'ibikomere bye mu gitabo yise “ **Moi, Le dernier Tutsi**”!
- Muri urwo rubyiruko hari na **Albert Nsengimana** turi kumwe hano, wari ufite imyaka irindwi muri Jenocide. Albert agendana n'ihungabana rikomeye ry'uko nyina yatanze bene se barindwi nawe arimo ngo bicwe! Kugira ngo abashe kuvuga ububabare bwe yanditse igitabo yise “**Mamere m'a tué**”- Mu Kinyarwanda ugenekereje wavuga uti “**Mama yaranyishe!**”

- **Muhamed Butera** afite imyaka irindwi y’amavuko, se yamufataga akaboko agiye kwica. Iyo umubajije icyo yibukira kuri se, akubwira ko amwibuka atema abantu! Ni igikomere kwibuka umubyeyi wawe umwibukira ku nabi yagiriye abantu.

Aba navuze bose bafite abana cyangwa se bazabagira. Abo bana babakomokaho nabo bashobora guhura n’ihungabana cyangwa kuba mu rujijo.

Abana bagize **Uruhongore rwa GAERG** bigeze kudukinira Umukino wo kwibuka, bavuga ko babaza ababyeyi babo bati: Muri Jenocide hari abicwaga n’abica, niba mwararokotse ni uko mwari ku ruhande rw’abicaga?

Guhangana n’ihungabana riri muri abo bose n’izindi ngero nyinshi buri wese yareba iruhande rwe, biradusaba kumva neza umwihariko w’amateka yacu.

Kubaka igihugu gihuriwemo n’abo bantu bose ntibyoroshye, n’ubwo byashobotse. Nibyo ubushakashatsi bwita **“Collective Trauma”**. Ubushakashatsi kuri iryo hungabana bugaragaza kandi ko mu rugendo rwo kurivura, habanza gushakishwa ibisubizo ku buzima bw’ibanze.

Abarokoye iki gihugu n'ubwo ntawakwirengagiza ibikomere bubakiyeho, byabasabye kwirenga kugira ngo abantu babone iby'ibanze byo kubaho. Ni nayo mpamvu nk'uko byagaragajwe n'abambanjirije, nyuma ya jenocide, Abanyarwanda bishatsemo imbaraga zo kwivura.

Nagira ngo mumfashe dushimire imiryango nka AVEGA, ARCT-RUHUKA, AERG, n'abandi.

Uburyo abantu babashije kwivura ihungabana, bikwiriye gukorwaho ubushakashatsi bwimbitse, bukandikwa nabwo bukaba **“modèle”**, ishobora gukoreshwa mu guhangana n'ihungabana, nk'uko n'ubundi buryo bwanditswe bukoreshwa.

Igihugu cyashyize imbaraga mu gutanga ubumenyi.

Nk'uko twabigaragarijwe, hari abantu bagera ku 2000 babyize. Iyi ni intambwe ikomeye yadufasha guhangana n'ihungabana, bikoze n'Abanyamwuga.

Abafite ihungabana tuzi aho baherereye, ababyize bari hamwe, umuti wo gushyira hamwe imbaraga rero ndumva uhari! Ntidukwiye kwikanga cyangwa se guhuza ingufu gusa kuko tugeze igihe cyo kwibuka.

Ubunyamwuga kandi, bukwiriye kwifashisha gahunda zashyizweho, ziha abantu umwanya wo kuganira ku mateka yacu n'ibikomere yadusigiye.

Kuko, nk'uko mubizi mu muco wacu ntibitworohera kwerekana amarangamutima yacu. Dukura tubwirwa ko “**Amarira y’umugabo atemba ajya mu nda**”.

Batumirwa turi kumwe,

Nagira ngo muri iri huriro, tunaganire uko twahangana n'ihungabana mu buryo bwaguye burenze ubuvuzi bushingiye ku miti.

Iwacu muri Fondation Imbuto, tuvuga ko “**Iyo akabuto gatewe mu butaka buteguwe neza, kakuhirirwa, kagahabwa iby’ingenzi byose, karakura kakavamo igiti cy’inganzamarumbo kitanyeganyezwa n’icyo ari cyo cyose**”.

Kuvura ihungabana rero ni ugutegura ubutaka bwiza, bityo imbuto, aribo bana bakomoka muri bya bikomere, bazabashe gukura neza, bakumira Jenoside n’icyago icyo aricyo cyose.

Tugendeye kuri icyo gitekerezo kitugenga, twatangije gahunda zitandukanye mu kubaka ubushobozi bw'urubyiruko.

Aha navuga:

- Gahunda ya mentorship, ni gahunda y'ubujyanama tugenera urubyiruko rw'abakobwa n'abahungu, bagize Umuryango w'Abanyeshuri barokotse Jenoside yakorewe Abatutsi.
- Mu rugendo dukorana, twiganye nabo byinshi. Iyi gahunda yababereye umwanya wo kugaragaza amarangamutima bamaze igihe babitse kuko ntawo kuyabwira bari bafite.
- Muri zimwe muri gahunda zacu, twatangije ihuriro rituma abana bacu bahabwa umwanya n'urubuga, rwo kuvuga ibikomere bafite bityo bikabafasha gukira.

Izi gahunda, kimwe n'izindi zikorwa n'imiryango itandukanye, zikwiye gukomeza kunganira ubuvuzi bw'umwuga ku ihungabana kugira ngo twubake umuntu wuzuye kandi utekanye.

Ku bacitse ku icumu n’abandi bose bagendana ibikomere tutabona ndifuza kubaha ubu butumwa:

Mu Kinyarwanda tuvuga ko “**Imfura ishinjagira ishira**”. Nibyo koko dushinjagirane ubupfura ariko twe gushira. Twemere ko bikomeye, tuvuge ku bikomere bihari kugira ngo tubashe gukira.

Nk’uko ntawe uhagarika urugamba rwo kwibohora, ni nako ntawe ukwiye guhagarika urugamba rwo gukira ibikomere afite.

Ushobora gutinda kumva ko ari ngombwa ariko urugamba watangiye ntirugomba guhagarara.

Ni byiza kwihangana ugafasha abandi ariko nanone gukira kw’abandi ntibikwiye kukubera intandaro yo kwiyibagirwa.

Buri wese akeneye kureba uburyo yajya akoresha bumufasha kudasubira inyuma. Twigiye ku ngabo zarokoye iki gihugu, umuntu yakwifuza ko uwabashije kubana neza n’ibikomere, atasubira inyuma! “**Hatuwezi kurudi nyuma**” nk’uko indirimbo y’urugamba rwo kwibohora yabitubwiraga.

Ku bize ibijyanye no guhangana n'ihungabana, igihugu kibakeneyeho umusanzu ukomeye.

Mu buryo mukoresha mu gufasha abafite ihungabana, mwibuke umwihariko wa Jenoside yakorewe Abatutsi. Mwubake **Umuntu ku giti cye, Umuntu mu muryango** wuzuye ibindi bikomere, **n'umuntu ufite inshingano yo kubaka igihugu.**

Mu cyerekezo cy'ubukungu (NST) twihaye, uruhare rw'abikorera rwahawe umwanya uhagije.

Iyi nama idufashe kureba uko hashyirwaho amavuriro n'ibigo byigenga bifasha mu guhangana n'ihungabana, bikoze namwe mwabyigiye.

Mu muco wacu biragorana kugana umuntu ngo umubwire ikibazo ufite cyane iyo kijyanye n'ihungabana. Birasaba rero ko habaho gahunda zihariye mukora, zituma abantu bumva kandi bagakunda servisi mutanga.

Ni mahire kandi, kuko uwize kuvura ihungabana aba afite umuhamagaro wo gutega amatwi abantu, aba yarasezeranye kugira ibanga, agaharanira kandi gusana imitima yashengutse.

Mu rwego rwo gukumira, tugane serivisi ziri mu bigo nderabuzima zishinzwe ihungabana. Dukeneye kandi kureba ukuntu ahahurira abantu benshi nko mu mashuri, mu kazi gatandukanye, haba umuntu ushinzwe ihungabana abantu bagana.

Mu 1994 byari bigoye gutekereza ubujyanama bw'umwuga. Ariko ubu twibuka ku nshuro ya 25 Jenoside yakorewe abatutsi, abantu bakaba bamaze kugira icyizere cyo kubaho,

ni ngombwa ko dutekereza ku buvuzi n'ubujyanama birambye kandi bikoranwe ubuhanga.

Nsoza nagira ngo mbashimire mwese, kandi nizera ko iyi nama izavamo imyanzuro iduha ibikorwa byihariye n'uburyo turushaho guhangana n'ihungabana.

Umwanditsi Esther Mujawayo, warokotse Jenocide, yifashishije igitabo cye yise “***La fleur de Stephanie***”, agaragaza ukuntu ururabo umuvandimwe we yasize ateye ku icukiro, ari rwo rwonyine yasanze iwabo nyuma ya Jenocide. Asanga rwarabaye rwiza kandi rugahora rumwibutsa ubwiza bwa Stephanie n’umuryango we.

Yagize ati “***Mu gahinda kacu twabonye ibibi, twabonye ibinuka birenze icucyiro. Ariko dufite amahitamo yo guteramo insina nziza cyangwa gukomeza kwibera mu icukiro***”¹

Mu Kwibuka ku nshuro ya 25, dufite icyizere cy’uko ukurikije ibibazo twacyiyemo n’aho tugeze, dufatanije tuzahangana n’ihungabana kandi birashoboka.

Mbifuriye gukomeza kugira ibiganiro byiza.

Murakoze, mugire umunsi mwiza.

¹ ***Imbuto Foundation, Youth Connect 2013: Promise of a post Genocide generation Youth FORUM -***

<https://www.youtube.com/watch?v=tm4yKSP1718>